REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE

DR. EDOUARD NGIRENTE

NYUMA Y'UMUHANGO WO KURAHIZA ABASHINJACYAHA BO KU RWEGO RWISUMBUYE, ABASHINJACYAHA BO KU RWEGO RW'IBANZE N'ABASHINJACYAHA BAGENGWA N'AMASEZERANO

Primature, ku wa 02 Nyakanga 2019

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Nyakubahwa Mushinjacyaha Mukuru,**
- **Bayobozi mwese muri hano,**
- **Bashinjacyaha ku nzego zitandukanye mumaze kurahira,**
- **Abagize imiryango yanyu baje babaherekeje,**

1. Ndagira ngo nongere kubaramutsa kandi mbashimira ko mwitabiriye iki gikorwa. Nkaba rero mbifurije ikaze muri uyu muhango, aho tumaze kwakira indahiro zirimo iz'Abashinjacyaha bo ku rwego Rwisumbuye; Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Ibanze; bose bakaba baremejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 03 Mata 2019. Hari kandi n'abarahiye nk'Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano. Mwese rero mbifurije kuzagira imirimo myiza.

2. Ndagira ngo mbibutse ko icyizere mwagiriwe n'ubuyobozi bukuru bw'Igihugu cyacu mutagomba kugitatira cyangwa ngo mugipfushe ubusa. Umurimo w'ubushinjacyaha ni umurimo ukomeye usaba ubwitange kandi ugasaba abantu gushyira mu gaciro kubera inshingano ziremereye zo kubahiriza

uburenganzira bwa muntu, ari nayo mpamvu musabwa kuzubahiriza mutabogama, ibikubiye mu ndahiro mwagiriye mu kanya imbere yacu twese hagamijwe gutanga ubutabera bunoze kuri bose nkuko inshingano zanyu zibibasaba.

3. Hari indangagaciro z'ingenzi zigomba kuranga umushinjacyaha mwiza ari nawe twifuza, kandi bagenzi banyu musanze mu kazi bazabafasha kukinjiramo neza. Nzi neza ko izo ndangagaciro mwese musanzwe muzizi ariko ndifuza kugira nke z'ingenzi mbibutsa:

- Gukora akazi kanyu kinyamwuga;
- Guhora murangwa n'ubunyangamugayo.
- Kwirinda ruswa n'ikimenyane n'ibindi bisa nabyo;
- Kwirinda itonesha mu kazi n'icyenewabo umunsi ku wundi;
- Gukorana neza n'izindi nzego;
- Gutanga serivisi nziza kandi yihuse;
- Gukoresha ikoranabuhanga kugira ngo ribafashe kwihutisha akazi ko gutahura abanyabyaha kandi n'abanyabyaha nabo ubwabo basigaye bifashisha ikoranabuhanga. Bikaba bisaba ko mwe murikoresha ku buryo bufatika umunsi ku wundi mu kazi kanyu.

4. Guverinoma y'u Rwanda iboneyeho umwanya wo gusaba Urwego rw'Ubushinjacyaha gukomeza kurushaho kwihutisha amadosiye cyane cyane abangamira inyungu rusange z'Igihugu n'iz'abagize umuryango nyarwanda muri rusange.

5. Muri urwo rwego amwe mu madosiye akwiye guhora yitabwaho arimo ajyanye n'umutekano w'igihugu, ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu, ibyaha byambukiranya imipaka, ibyaha by'icuruzwa ry'abantu, ibirebana n'ubujura bw'ibikoresho by'abanyarwanda mu ngo zabo ndetse naho dukorera n'ibindi byaha mwese muzi bijyanye n'ubugizi bwa nabi cyane cyane ibijyanye n'ikoranabuhanga. Muzakenera rero ikoranabuhanga ryinshi no kurikoresha umunsi ku wundi nk'uko n'abanyabyaha nabo muba mukurikirana bashobora kurikoresha kugira ngo ibyaha bitabahama igihe mugomba kubakurikirana .

6. Mu gusoza, ndagira ngo nongere nshimire abitabiriye uyu muhango, nongera kwizera ko aba bashinjacyaha bashya bose bazinjira mu kazi kandi bagakorana umurava mu gihe kihuse, ndetse ko na bagenzi banyu musanze mu kazi bazabamenyereza ku buryo bwihuse,

mukomeza kujya mwibukiranya umunsi ku wundi indangagaciro ziranga umushinjacyaha mwiza.

Murakoze,

Ndabashimiye.